# 435: Muze mwes' abakijijwe

1.
Muze mwes' abakijijwe, Abazinutsw' iby' isi; Nimwikorer' umusaraba : Ni w' ubaneshereza.

Ref:
Umusaraba ni wo bendera Yacu tw' abakijijwe!Twemeye n'isoni zawo : Ni w' utuneshereza.

2.
Umusaraba w'isoni N' irembo rifunganye. Uduhata kwiyambura Ibituremerera.

3.
Nuko twiyambure byose.Tumere nka ya mpurnyi, Uko itanze gut' umwenda,Ngw isang' Umwami Yesu.

4.
Twajyaga dutiny' urupfu :Yes' arugir' irembo Ritugeza vuba cyane Mu bwami bwo mw ijuru.

5.
Ibikangisho by'Umwanzi N' iby'intar' iziriiswe : Ni tudat' inzira yacu, Ntabw' azadushyikira.

6.
Uzura n'lmana vuba Kubw' urupfu rwa Yesu : Amaraso y'Umusaraba Ni y' atwuzuza na Yo.

Visit us at indirimbo.com